Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

IFISHI Y'AMAKURU KU RUBANZA

Kugeza ubu, abantu umunani barezwe na TPIR kubera uruhare rwabo muri jenoside yakorewe mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ntibarafatwa. Hateganyijwe ko MICT izaburanisha abaregwa batatu bakurikira: Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protais Mpiranya. Abandi batanu ari bo Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénéas Munyarugarama, imanza zabo zoherejwe mu Rwanda. Ladislas Ntaganzwa, na we washakishwaga kandi urubanza rwe rukaba rwaroherejwe mu Rwanda, yafatiwe muri Kongo ku itariki ya 9 Ukuboza 2015.

MICT-13-39

ARASHAKISHWA - AUGUSTIN BIZIMANA

Kuva muri Nyakanga 1993 kugera ku itariki ya 17 Nyakanga 1994, Augustin Bizimana yari Minisitiri w'Ingabo muri Guverinoma y'Inzibacyuho y'u Rwanda.

Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye	1954, Komine ya Gituza, Perefegitura ya Byumba, Rwanda
Inyandiko y'ibirego	Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 17 Ukwakira 2011
Aho urubanza rugeze	Arashakishwa kuva ku itariki ya 29 Kanama 1998

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Augustin Bizimana yarezwe muri TPIR icyaha cya jenoside, icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu, n'Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Umugereka wayo wa II, byakorewe mu Rwanda hagati y'itariki ya 6 Mata n'iya 17 Nyakanga 1994. Muri icyo gihe, Bizimana yari Minisitiri w'Ingabo w'u Rwanda.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko Bizimana ashinjwa kwica no kugirira nabi abantu bafatwaga nk'Abatutsi muri Perefegitura y'Umujyi wa Kigali n'iya Kigali Ngari hamwe no mu Maperefegitura ya Gitarama, Gisenyi, Ruhengeri, Butare, Kibuye na Cyangugu.

Havugwamo kandi ko, nka Minisitiri w'Ingabo, Bizimana yari afite umwanya w'ubuyobozi watumaga amategeko atanze yubahirizwa n'abasirikare bo mu ngabo z'u Rwanda, Interahamwe, Impumuzamugambi n'abandi Bahutu bitwaraga gisirikare n'abasivire bakoreshejwe mu gukora ibyo byaha cyangwa mu kubigiramo uruhare. Bivugwa ko Bizimana yategetse abo bantu kugira imyitwarire yaranzwe no gukora ibyaha no kugira uruhare mu ikorwa ryabyo.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko muri icyo gihe, mu Rwanda hose hari ibitero rusange kandi/cyangwa biri kuri gahunda byibasiraga abaturage b'abasivire bazira ko ari Abatutsi no kubera impamvu za poritike. Muri ibyo bitero, Abanyarwanda bamwe bishe cyangwa bagirira nabi abantu bafatwaga nk'Abatutsi, abataravugaga rumwe n'ubutegetsi, abafitanye isano na bo cyangwa abantu babakingiraga ikibaba.

Ibyaha aregwa mu Nyandiko y'ibirego ni ibi:

Ikirego kimwe cya Jenoside (Ikirego cya 1)

Ikirego kimwe cyo Kuba icyitso cy'abakoze jenoside (Ikirego cya 2)

Ibirego bitandatu by'Ibyaha byibasiye inyokomuntu

- Itsembatsemba (Ikirego cya 3)
- Ubuhotozi (Ikirego cya 4)
- Gusambanya ku gahato (Ikirego cya 5)
- Ibikorwa by'urugaraguro (Ikirego cya 6)
- Ibindi bikorwa birenze kameremuntu (Ikirego cya 7)
- Gutoteza (Ikirego cya 8)

Ibirego bitanu by'Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Umugereka wayo wa II

- Ubuhotozi (Ikirego cya 9)
- Ibikorwa by'urugaraguro (Ikirego cya 10)
- Gusambanya ku gahato (Ikirego cya 11)
- Ibikorwa by'ubugome (Ikirego cya 12)
- Guhungabanya agaciro ka muntu (Ikirego cya 13)

Gushyikiriza MICT idosiye y'urubanza

Ku itariki ya 1 Kanama 2012, dosiye y'urubanza rwa Augustin Bizimana yashyikirijwe Porokireri wa MICT.

Ku itariki ya 29 Mata 2013, Umucamanza umwe rukumbi, Vagn Joensen, yasohoye urwandiko rwo gufata n'itegeko ryo kwimura bisaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye gushakisha Bizimana, kumufata no kumushyikiriza Ishami rya MICT riri Arusha, aho Bizimana azafungirwa muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye.

Nk'uko biteganywa mu Cyemezo N° 1966 (2010) cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, ibihugu byose bigomba gufatanya na MICT mu gushakisha abaregwa bagishakishwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza inkiko zigomba kubaburanisha.